# MENYA UBURENGANZIRA BWAWE

## ABINJIRA N'ABASOHOKA MU GIHUGU

MENYA UBURENGANZIRA BWAWE

ACLU Kentucky
aclu-ky.org
@acluofky

## NI GUTE WAGABANYA IBYAGO BYO KUGERWAHO N'INGARUKA KURI WOWE UBWAWE

- Tuza. Ntukarwanye cyangwa ngo ubangamire abakozi b'inzego z'umutekano.
- Ntukabeshye cyangwa ngo utange inyandiko mpimbano.
- Ugomba kwitegura wowe ubwawe n'umuryango wawe mu gihe waba ufunzwe. Ugomba gufata mu mutwe nimero za terefone z'abagize umuryango wawe hamwe n'iz'umunyamategeko wawe. Kora gahunda zihutirwa niba ufite abana cyangwa ufata imiti.

## NIBA UVUGANA N'ABAKOZI BA ICE MU KAZI

- Baza niba ufite uburenganzira bwo kugenda. Niba ubyemerewe, ushobora gusohoka utuje.
- Ufite uburenganzira bwo kwanga kwemera gusakwa.
- Ufite uburenganzira bwo guceceka. Ntugomba kuganira n'umuntu uwo ari we wese ibijyanye n'imiterere y'uburenganzira bwawe bwo kuba mu gihugu, nk'ibyerekeye aho wavukiye, niba uri umwenegihugu, cyangwa uko winjiye mu gihugu.
- Niba ufite ibyangombwa by'abinjira mu gihugu byemewe, ugomba kubyerekana. Ntuzigere utanga inyandiko mpimbano.
- Niba wafunzwe, vuga ko wifuza guceceka kugeza uvuganye n'umunyamategeko.
- Ufite uburenganzira bwo gufata amajwi n'amashusho ibiganiro ugirana n'abakozi bashinzwe abinjira n'abasohoka igihe cyose utabangamira akazi kabo.

## NIBA UBONYE ABAKOZI BA ICE KU RUGI RW'AHO UBA

- Ntugomba gukingura urugi. Niba ubikoze, tuza - ufite uburenganzira.
- Baza icyo bashaka (kandi usabe umusemuzi niba umukeneye).
- Niba basabye kwinjira, babaze niba bafite icyemezo cyashyizweho umukono n'umucamanza kandi niba gihari, basabe bacyikwereke (mu idirishya cyangwa bakinyuze munsi y'urugi).
- Niba badafite icyemezo cyashyizweho umukono n'umucamanza, ushobora kwanga ko binjira. Basabe gusiga amakuru ayo ari yose bafite ku rugi rwawe.
- Niba binjiye ku ngufu, ntukabarwanye. Bwira buri wese uri mu rugo guceceka.
- Niba wafunzwe, ufite uburenganzira bwo guceceka. Ntugasinye ikintu cyose kugeza uvuganye n'umunyamategeko.

## NIKI WAKORA URAMUTSE UFASHWE CYANGWA UFUNZWE

- Ufite uburenganzira bwo kuvugana na ambasade y'igihugu cyawe cyangwa gusaba ko umukozi wa ICE abimenyesha ambasade y'igihugu cyawe ko wafashwe.
- Ibuka numero yawe y'abinjira ("A" numero) uyihe umuryango wawe. Bizafasha abagize umuryango kumenya aho ufungiwe.